

## **ISHAMI RY'IMIYOBORERE MYIZA**

Rihagarariwe n'Umuyobozi waryo, ishami ry'imiyoborere myiza rifite serivisi 6. Serivisi zitangirwa muri iryo shami ahanini ni ubukangurambaga no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda z'imiyoborere ziba zatanzwe.

Mu rwego rw'imiyoborere myiza hashyirwa imbaraga mu kubonera inzego z'ubuyobozi za Biro zo gukoreramo. Imirenge yose uko ari 19 ifite Biro; Utugari 76 kuri 97 dufite Biro naho Utugari 23 turimo gushakirwa inyubako za gukoreramo. Hashyizwe kandi ingufu mu gukangurira abaturage kugira uruhare mu bibakorerwa (Citizen Participation) no kunoza imitangire ya serivisi aho kuri buri rwego (Akagari, Umurenge n'Akarere) hashyizweho inyandiko zikubiyemo serivisi zitangwa n'izo nzego hamwe n'ibisabwa kugira ngo abaturage bahabwe izo serivisi.. Hashyizweho kandi ukwezi kw'imiyoborere kimwe n'izindi gahunda zihariye zituma umuturage agira uruhare mu kwikemurira ibibazo. Urugero Inteko z'abaturage, umugoroba w'ababyeyi, Inshuti z'umuryango, Umuganda rusange ukorerwa mu masibo 4491.

Mu rwego rw'ubutabera hatowe Inteko y'Abunzi kuri buri Kagari hamwe n'Inteko y'Abunzi kuri buri Murenge. Abagize Inteko y'Abunzi ku rwego rw'Akagari n'Umurenge ni 812.

### **1. Serivise y'imiyoborere n'ubutegetsi - Good governance and territorial administration**

Mu nshingano zayo hakemurwa ibibazo by'abaturage(amakimbirane ashingiye ku irangizwa ry'imanza, ibibazo bijyanye n'irangamimerere,...), gukurikirana ibikorwa by'umuganda, gukurikirana ibibazo birebana n'umuryango(abana, abagore,ihohoterwa, uburinganire n'ubwuzuzanye), gukurikirana ibikorwa birebana n'imikino n'imyidagaduro,gukurikirana ibikorwa by'itorero; gutoza n'urugerero ibirebana n'ubumwe n'ubwiyunge; abafatanyabikorwa bakorerera mu Karere (amatorero n'amadini, abaterankunga mu Karere, abafatanyabikorwa mu mishinga itandukanye,...)

Muri iri shami, hakemurwa ibibazo by'abaturage hifashishijwe inteko y'abaturage zisanzwe zikorera ku rwego rw'Akagari n'Umurenge. Ibyo bibazo byakirwa buri wa kabiri mu tugari twose. Ibibazo byazamuwe ku rwego rw'Umurenge bikagera ku rwego rw'Akarere bishyikirizwa ubuyobozi bw'Akarere .

Ubutabera

Mu Karere ka Gakenke imanza zabaye itegeko zirangizwa n'abahesha b'inkiko batari abo umwuga aribo Abanyamabanganshingwabikorwa guhera ku rwego rw'Akagari kugera ku rwego rw'Akarere.

Muri ibyo bikorwa birebana n'imanza n'uburyo zirangizwa Akarere ka Gakenke kifashisha abajyanama 3 mu bijyanye n'ubutabera(MAJ). Umwe ashinzwe gufasha abatishoboye kugana ubutabera, undi ashinzwe ubujyanama mu kurarangiza imanza ndetse n'ushinzwe ubujyanama mu kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina.

Abunzi ni urwego rwunganira ubutabera ku rwego rw'Akagari n'Umurenge bakakira imanza z'abaturage bahatuye. Imanza zarangijwe zashyizweho kashimpuruzwa zigashikirizwa umuheshawinkiko akazirangiza.

## **2. ITORERO N'UBUKANGURAMBAGA RUSANGE : Itorero Coordination and Community Mobilisation**

Iyi serivisi ishinzwe gahunda zose zimitoreze n'ubukangurambaga binyuze mu itorerero ry'umudugudu; mu itorerero mu mashuri; mu itorerero mu nzego z'imirimo no ku rugerero rw'ingamba n'amasibo 4491. Iyi serivise ishinzwe kandi gahunda zose zirebana n'ubumwe n'ubwiyunge hifashishijwe abarinzi b'igihango; abakangurambaga b'ubumwe n'ubwiyunge ndetse na za Forum z'ubumwe n'ubwiyunge ziri ku rwego rw'Imidugudu; ku rwego rw'Imirenge no ku rwego rw'Akarere.

## **3. SERIVISE Y'UMUCO NA SIPORO - SPORT YOUTH AND CULTURE**

Mu Karere ka Gakenke siporo n'umuco ni ibintu byitabwaho cyane, kubera uruhare rukomenye bigira mu mibereho ndetse n'imibanire myiza y'abaturage

Umuco ni kimwe mu biranga abaturage. Mu guteza imbere uwo mucyo ababyeyi bawigisha abana, ndetse n'abana bakawiga ku mashuri, bakanasoma ibitabo

bigaragaramo umuco cyane cyane umuco ugaragariza mu byino, ibiganiro, imyitwarire, imibanire, ndetse n'ibindi byinshi.

Akarere ka Gakenke gafasha abaturage mu bijyanye na siporo ibafasha kugira ubuzima bwiza yubaka ibibuga bitandukanye by'Imikino itandukanye mu mirenge yose ndetse n'Utugari, ku bigo by'amashyuri, ndetse n'urubyiruko, gahunda ihari ikaba ari iyo gufasha urubyiruko kwiteza imbere binyuze mu mikino hifashishijwe ibigo bya YEGO Center aho bigomba nibura guteza imbere imikino, ndetse no guhanga umurimo.

#### **4. Abafatanyabikorwa : JADF**

Umukozi ushinzwe abafatanyabikorwa mu Karere Akorana n'abantu bose bafite imishinga yunganira akarere mu iterambere, abifuza gukora iyogezabutumwa mu matorero n'amadini.

#### **5. Iterambere ry'umuryango : Gender**

Umukozi ushinzwe iterambere ry'umuryango yitaho by'umwihariko ibibazo birebana n'umuryango. Aho agira umwihariko ibibazo byo gusubiza abana mu miryango bavanwa mu bigo by'imfubyi. Akorana n'imiryango nterankunga ishinzwe ibirebana n'abana. Indi nshingano akurikirana imirimo y'umugoroba w'ababyeyi.

#### **6. DASSO - District Administrative Security Support Organs**

Ni Urwego rufasha mugucunga umutekano w'inzego z'ibanze, ni abakozi bakorera ku rwego rw'Akarere bacunga umutekano kuri bureau ndetse na institution zitandukanye mu nzego z'ibanze.

Mu Karere ka Gakenke bakaba bakorera ku rwego rw'Akarere ka Gakenke ndetse no ku rwego rw'Umurenge, ndetse hari gahunda yo kubageza ku rwego rwo ku Kagari ndetse no ku mudugudu.

***“ ABESAMIHIGO: Turi indongozi mu mihigo, indangagaciro ziraturanga mu rugamba rw'iterambere n'umutekano, ibikorwa birivugira ”***